IMYANZURO Y'INAMA NKURU IDASANZWE Y'UMURYANGO FPR-INKOTANYI YATERANYE KU ITARIKI 09 WERURWE 2024.

Kuri wa Gatandatu, tariki ya 09 Werurwe 2024, ku Cyicaro gikuru cy'Umuryango FPR-INKOTANYI, **Intare Conference Arena** i Rusororo mu Karere ka Gasabo, Umujyi wa Kigali habereye Inama Nkuru idasanzwe y'Umuryango FPR-INKOTANYI iyobowe na Nyakubahwa KAGAME Paul, Perezida wa Repubulika y'u Rwanda akaba na Chairman w'Umuryango FPR-INKOTANYI.

Kuri gahunda y'inama hari ingingo zikurikira:

1. Kugezwaho ibikorwa byakozwe kuva muri 2017-2024 no kwemeza Manifesto y'Umuryango FPR-INKOTANYI 2024-2029;
2. Kwemeza urutonde rw'abakandida Depite b'Umuryango FPR-INKOTANYI mu matora y'abagize Inteko Ishinga Amategeko/Umutwe w'Abadepite, azaba ku matariki 14 na 15 Nyakanga 2024;
3. Gutora Umukandida uzahagararira Umuryango FPR-INKOTANYI mu matora ya Perezida wa Repubulika azaba muri Nyakanga 2024.

Inama yatangiye Umunyamabanga Mukuru wa FPR-INKOTANYI Nyakubahwa GASAMAGERA Wellars ageza kubayitabiriye ibikorwa byagezweho kuva 2017-2024, anagaragaza ibikorwa bikubiye muri Manifesto y'Umuryango FPR-INKOTANYI 2024. Yashimye uruhare

B.P. 195 Kigali, Rwanda Tel: 0252582048 Fax: 0252582043, Email: info@rpfinkotanyi.org, Website: rpfinkotanyi.org

Abanyamuryango babigizemo bagendeye ku nama za Nyakubahwa Chairman Paul KAGAME.

Nyakubahwa Vice-Chairperson Madamu UWIMANA Consolée yashimiye Umuryango FPR-INKOTANYI ibikorwa umaze kugeza ku Banyarwanda. Yaboneyeho gushimira Nyakubahwa Chairman w'Umuryango FPR-INKOTANYI ubwitange adahwema kugaragariza Abanyarwanda, abageza ku bikorwa biganisha ku mibereho myiza yabo. Yasabye abanyamuryango by'umwihariko n'abari mu nama bose kuzafasha Nyakubahwa Chairman gusohoza inshingano ze.

Nyakubahwa KAGAME Paul, Perezida wa Repubulika akaba na Chairman w'Umuryango FPR INKOTANYI yashimye Abanyamuryango bitabiriye inama, uruhare bagira mu mirimo inyuranye iteza imbere Igihugu cyacu, yabashimiye icyizere bahora bamugirira, by'umwihariko icyo bamugiriye bamutora nk'Umukandida uzahagararira Umuryango FPR INKOTANYI. Yasabye Abanyamuryango gukomeza kurangwa n'umurava no gukorera hamwe, abizeza ko azakomeza gufatanya nabo mu guteza imbere Igihugu cyacu kirangwa n'amateka yihariye.

Nyuma yo gusuzuma ibyari kuri gahunda y'Inama Nkuru, abayitabiriye bafashe imyanzuro ikurikira:

1. Bishimiye byimazeyo ibyagezweho mu myaka 7 ishize n'ubwo habayeho inzitizi zatewe n'icyorezo cya Covid 19;
2. Bemeje Manifesto y'Umuryango FPR-INKOTANYI 2024-2029;

3. Bemeje urutonde rw'Abakandida Depite 70 bazahagararira Umuryango FPR-INKOTANYI mu matora y'Abagize Inteko ishinga Amategeko ateganyijwe muri Nyakanga 2024. Uru rutonde ruzongerwamo abandi bakandida 10 bazaturuka mu mitwe ya politiki ifitanye ubufatanye n'Umuryango FPR-INKOTANYI ariyo : PDC, PPC, PSR, PSP na UDPR;
4. Bemeje Nyakubahwa Paul KAGAME ku majwi 99.1% nk'umukandida uzahagararira Umuryango FPR-INKOTANYI mu matora ya Perezida wa Repubulika ateganyijwe muri Nyakanga 2024.

Abanyamuryango bashimiye Nyakubahwa Perezida wa Repubulika akaba na Chairman w'Umuryango FPR-INKOTANYI kuba yongeye kumva icyo Umuryango umusaba n'icyizere bamufitiye akemera gutangwa nk'Umukandida wawo mu matora ya Perezida wa Repubulika, kubera umwete n'ubuhanga agaragaza mu kuwuyobora no kuyobora Igihugu, bamwizeza kumushyigikira muri gahunda y'ibikorwa ateganyiriza Abanyarwanda mu myaka 5 iri imbere.

Bikorewe i Kigali ku wa 09 Werurwe 2024

GASAMAGERA Wellars

Umunyamabanga Mukuru w'Umuryango FPR-INKOTANYI